RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2025 Tariki 31 Mutarama - 7 Gashyantare




## Football: APR FC Yegukanye Igikombe cy'Intwari Itsinze Police FC

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** CTC Gabiro Yegukanye Igikombe cy'Intwari mu Cyiciro cya Gisirikare

P1 **Football:** APR FC Yegukanye Igikombe cy'Intwari Itsinze Police FC

P2 **Basketball:** Shampiyona Yarakomeje, UGB Ibonamo Intsinzi Yayo ya Mbere

P2 **Basketball:** REG Yashyizemo Ikinyuranyo, Orion Itsinda Kepler

P3 **Basketball:** REG Yongeye Kwigaragaza mu Mukino Wari Warasubitswe

P4 **Volleyball:** Kepler VC Yegukanye Igikombe Cy'Intwari

1

## **Football :** CTC Gabiro Yegukanye Igikombe cy'Intwari mu Cyiciro cya Gisirikare

Kuwa 31 Mutarama 2025, kuri Kigali Pele Stadium, habereye umukino wa nyuma w'imikino y'Intwari mu cyiciro cy'ingabo, wahuzaga Ishuri ry'Imyitozo ya Gisirikare rya Gabiro na Special Operations Force. Uyu mukino wabuzemo ibitego, wasabye ko amakipe yombi atandukanywa na penaliti, urangira Ishuri ry'Imyitozo ya Gisirikare rya Gabiro ritsinze Special Operations Force penaliti 4-3.








## **Football:** APR FC Yegukanye Igikombe cy'Intwari Itsinze Police FC

Kuwa gatandatu, tariki ya 1 Gashyantare 2025, kuri Kigali Pele Stadium, habaye umukino wa nyuma w'igikombe cy'Intwari, wahuzaga APR FC na Police FC. Uyu mukino wari uringaniye ku mpande zombi, waje kugera kuri penaliti, umuzamu wa APR FC, Pavelh Ndzila abyitwaramo neza.









## **Basketball:** Shampiyona Yarakomeje, UGB Ibonamo Intsinzi Yayo ya Mbere

Kuwa 31 Mutarama 2025, Shampiyona ya Basketball y'u Rwanda yakomereje muri gymnasium ya Lycée de Kigali, mu mikino ibiri; Uwa mbere wahuzaga APR BBC na AZOMCO, warangiye APR BBC itsinze amanota 103 kuri 67 ya AZOMCO. Mu mukino wa kabiri, United Generation Basketball (UGB) yatsinze Patriots ku manota 73 kuri 69, nyuma y'uko yari yatangiye shampiyona itsindwa na Kepler.







## **Basketball:** REG Yashyizemo Ikinyuranyo, Orion Itsinda Kepler

Kuwa 1 Gashyantare 2025, ku kibuga cya Lycée de Kigali, hakomereje imikino ya Shampiyona ya Basketball y'u Rwanda, ihuza Orion BBC na Kepler BBC, ndetse na REG BBC na Espoir BBC. Imikino yarangiye Orion BBC itsinze Kepler BBC ku manota 87 kuri 81, naho REG BBC itsinda Espoir BBC ishyizemo ikinyuranyo kinini ku manota 92 kuri 58.





# **Basketball:** REG Yongeye Kwigaragaza mu Mukino Wari Warasubitswe


Nyuma y'uko umukino wari uteganyijwe ku wa 24 Mutarama 2025, wimuriwe ku wa 3 Gashyantare 2025 bitewe n'imvura yari yangije ikibuga, REG BBC yahuriye na Orion BBC ku kibuga cya Lycée de Kigali, umukino urangira REG itsinze amanota 72 kuri 65 ya Orion.

Ni mu gihe ku munsi wabanje, tariki 2 Gashyantare 2025, APR BBC yari yatsinze Tigers BBC ku manota 102 kuri 65 ya Tigers.









| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| PATRIOTS | 69 | FINAL | 73 | United Generations for Basketball |
| ORION | 87 | FINAL | 81 | KEPLER BBC |
| REG | 92 | FINAL | 58 | ESPOIR |
| Tigers BBC | 65 | FINAL | 102 | APR BBC |
| REG | 72 | FINAL | 65 | ORION |
| APR BBC | 105 | FINAL | 80 | KEPLER BBC |



# **Volleyball:** Kepler VC Yegukanye Igikombe Cy'Intwari

Kuwa 31 Mutarama 2025, muri petit stade habereye umukino wo gushaka itike ya 1/2 cy'Igikombe cy'Intwari, wahuzaga APR VC na Gisagara VC mu mukino zanganyijemo amaseti 2-2, hitabazwa iya kamarampaka, irangira APR VC iyitsinze ku manota 15-10.

APR VC yihesheje amahirwe yo gukina 1/2 cy'irushanwa, yahuye na Kepler VC kuwa 1 Gashyantare 2025, muri petit stade. Uyu mukino warangiye Kepler VC itsindiye APR VC kuri seti ya gatanu, nyuma yo kunganya ebyiri kuri ebyiri, yimukira ku mukino wa nyuma wayihuje na REG VC.

Ku Cyumweru, tariki ya 2 Gashyantare, muri Petite Stade, Kepler VC yegukanye igikombe cy'Intwari ihigitse REG VC mu mukino, nawo nk'iyatambutse, wasabye amaseti 5 kugira ngo izi kipe zombi zisobanure.











RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave